# 406: Jyan' umucyo mur'Afurika

1. Jyan' umucyo mur'Afurika!
Gend' uyimaremw umwijima !
Bwir' abantu bose barimo
Yuko Yes' akiza,—
Ko yagukijije.
Ni We Mwami;—Ni We Mwami :
Ni We Mana—Ijy'ikiz'
abanyabyaha.
(twebw' abanyabyaha)

2. Mbese, mur'Afirika hose,
Ko harimw umwijima mwinshi ?
None kugira ng'ushiremo,
Yes' aragutumye—
Kuvug' Ubutumwa.
Wiceceka !—Wiceceka !
Jyan'umucyo—Umurikir' Afirika.
(abo mw Afurika)

3. Harihw ingororano nziza
Yesu yiteguye gutanga :
Azazih' umuntu witanze
Ngwavug' Ubutumwa,—
Ngw ajyane n'umucyo.
Reba Rwanda !—Reba Rwanda !
Icyibaza:—
N' ik' i Rwanda ikubaza ?
(Mbe, n' ik' ikubaza?)

4. Reba Yes' Umwana w'Imana
Yari mw ijuru hamwe na Se;
Maz' abonye tugiye gupfa,
Ava mu bwiza bwe,—
Aza mur'iyi si,
Ni ko gupfa;—
Ni ko gupfa Urw'isoni—
Rwo ku musaraba mubi.
(ari twebw' azize)

v.Mwami Yesu, nsabye k' umfasha, Ukankiz' ibyaha bindushya, Bigatuma ntabasha
rwose Kuvuga k' ukiza,—Ngo nkuber' intumwa Itatumwe—Itatumwe

N'abakuru,—Itumwe n'Uwampfiriye.

Visit us at burundi.indirimbo.com